Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe Bis yo ku wa 31/03/2023

Year 62
Official Gazette n° Special Bis of 31/03/2023

62ème Année
Journal Officiel n° Spécial Bis du 31/03/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel

Iteka rya Minisitiri nº 001/MINICOM/2023 ryo ku wa 31/03/2023 ryerekeye amabwiriza ateganya ibihano bishobora guhabwa ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe.....2

Ministerial Order n° 001/MINICOM/2023 of 31/03/2023 relating to regulations determining administrative sanctions applicable to gaming operator……..2

Arrêté Ministériel n° 001/MINICOM/2023 du 31/03/2023 relatif au règlement déterminant les sanctions administratives applicables à un opérateur de jeux de hasard…….2

B. Amabwiriza/ Instructions/ Instructions

Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru n° 001/2023/RG yo ku wa 31/03/2023 agena igipimo kigaragaza ugenewe inyungu ku mugabane w'isosiyete y'ubucuruzi no mu bufatanye mu bucuruzi.....24

Instructions of the Registrar General n° 001/2023/RG of 31/03/2023 determining the threshold for identification of the beneficial owner of company and of a partnership…….24

Instructions du Registraire Général n° 001/2023/RG du 31/03/2023 déterminant le seuil d'identification du bénéficiaire effectif d'une société commerciale et d'une société de personnes……..24

ITEKA RYA MINISITIRI Nº 001/MINICOM/2023 RYO KU WA 31/03/2023 RYEREKEYE AMABWIRIZA ATEGANYA IBIHANO BISHOBORA GUHABWA UFITE IBIKORWA BY'IMIKINO Y'AMAHIRWE	MINISTERIAL ORDER N° 001/MINICOM/2023 OF 31/03/2023 RELATING TO REGULATIONS DETERMINING ADMINISTRATIVE SANCTIONS APPLICABLE TO GAMING OPERATOR	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/MINICOM/2023 DU 31/03/2023 RELATIF AU RÈGLEMENT DÉTERMINANT LES SANCTIONS ADMINISTRATIVES APPLICABLES À UN OPÉRATEUR DE JEUX DE HASARD
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** **Ingingo ya 2: Isobanura** **Ingingo ya 3: Abarebwa n'iri teka** **UMUTWE WA II: AMAKOSA N'IBIHANO** **Ingingo ya 4: Kudashyiraho politiki n'uburyo bukurikizwa byanditse** **Ingingo ya 5: Kudashyira mu bikorwa ingamba zijyanye no kugira ubushishozi** **Ingingo ya 6: Kudashaka amakuru kuri nyir'umutungo** **Ingingo ya 7: Kudashyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga mu micungire**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of this Order** **Article 2: Interpretation** **Article 3: Scope of this Order** **CHAPTER II: FAULTS AND SANCTIONS** **Article 4: Failure to establish written policies and procedures** **Article 5: Failure to implement customer due diligence measures** **Article 6: Failure to obtain information on the beneficial owner** **Article 7: Failures to put in place and maintain an information and record-**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** **Article premier: Objet du présent arrêté** **Article 2: Interprétation** **Article 3: Champ d'application du présent arrêté** **CHAPITRE II: FAUTES ET SANCTIONS** **Article 4 : Omission d'élaborer des politiques et des procédures écrites** **Article 5 : Omission de mettre en œuvre les mesures de vigilance** **Article 6 : Omission d'obtenir des informations sur le bénéficiaire effectif** **Article 7 : Omission de mettre en place et de maintenir un système**

y'ibikorwa	**keeping system**	**d'information et de tenue de registres**
Ingingo ya 8: Kutabika inyandiko n'amakuru	**Article 8: Failure to maintain records**	**Article 8 : Omission de conserver les registres**
Ingingo ya 9: Kudatanga raporo ku bikorwa birebana n'amafaranga	**Article 9: Failure to report on transactions**	**Article 9 : Omission de rapport sur les transactions suspectes et les transactions en espèces**
Ingingo ya 10: Kudatanga raporo yo gukumira	**Article 10: Failure to render reports on prevention**	**Article 10 : Omission de faire des rapports sur la prévention**
Ingingo ya 11: Kudashyiraho politiki yo kurengera abakozi	**Article 11: Failure to put in place policy to protect employees**	**Article 11 : Omission de mettre en place une politique pour protéger les employés**
Ingingo ya 12: Kutamenyesha cyangwa kutigisha abakozi	**Article 12: Failure to communicate or educate employees**	**Article 12 : Omission de communiquer ou d'éduquer les employés**
Ingingo ya 13: Kutubahiriza ibindi bisabwa	**Article 13: Failure to comply with any other obligation**	**Article 13 : Non-respect de toute autre obligation**
Ingingo ya 14: Kudashyiraho umukozi ushinzwe iyubahirizwa	**Article 14: Failure to appoint a compliance officer**	**Article 14 : Omission de nommer un responsable de la conformité**
Ingingo ya 15: Kudashyira mu bikorwa gahunda y'umwaka y'amahugurwa	**Article 15: Failure to implement the annual training programme**	**Article 15: Omission de mise en œuvre d'un programme de formation annuel**
Ingingo ya 16: Kudatanga amakuru	**Article 16: Failure to provide information**	**Article 16: Omission de fournir des informations**
Ingingo ya 17: Ibindi bihano bishobora guhabwa ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe	**Article 17: Other sanctions that may be imposed on a gaming operator**	**Article 17: Autres sanctions qui peuvent être imposées à l'opérateur de jeux de hasard**

Ingingo ya 18: Ibihano bihabwa abagize inama y'ubutegetsi n'abayobozi bakuru	**Article 18: Sanctions against members of the board of directors and senior managers**	**Article 18 : Sanctions à l'encontre des membres du conseil d'administration et des cadres supérieurs**
UMUTWE WA III: KUGENA IGIHANO	**CHAPTER III: DETERMINATION OF SANCTION**	**CHAPITRE III : DÉTERMINATION DE LA SANCTION**
Ingingo ya 19: Ibishingirwaho mu kugena ibihano	**Article 19: Considerations in determining sanctions**	**Article 19: Considérations pour déterminer des sanctions**
Ingingo ya 20: Kugena imiterere n'uburemere bw'ikosa ryo kutubahiriza ibisabwa	**Article 20: Determination of the nature and seriousness of non-compliance**	**Article 20: Détermination de la nature et de la gravité de la non-conformité**
Ingingo ya 21: Imyitwarire y'ubuyobozi bw'ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe nyuma yo kutubahiriza ibisabwa	**Article 21: Conduct of the gaming operator's management after the non-compliance**	**Article 21: Conduite de la direction de l'opérateur de jeux de hasard après la non-conformité**
Ingingo ya 22: Andi makuru yo mu bihe byashize	**Article 22: Previous record**	**Article 22: Antécédents**
Ingingo ya 23: Uburyo bwo gutanga igihano	**Article 23: Modalities for imposing a sanction**	**Article 23: Modalités d'imposition d'une sanction**
UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 24: Kwishyuza ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 24: Recovery of administrative fines**	**Article 24 : Recouvrement des amendes administratives**
Ingingo ya 25: Ingingo y'ururimi	**Article 25: Language provision**	**Article 25 : Disposition linguistique**
Ingingo ya 26: Gutangira gukurikizwa	**Article 26: Entry into force**	**Article 26 : Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI Nº 001/MINICOM/2023 RYO KU WA 31/03/2023 RYEREKEYE AMABWIRIZA ATEGANYA IBIHANO BISHOBORA GUHABWA UFITE IBIKORWA BY'IMIKINO Y'AMAHIRWE	**MINISTERIAL ORDER N° 001/MINICOM/2023 OF 31/03/2023 RELATING TO REGULATIONS DETERMINING ADMINISTRATIVE SANCTIONS APPLICABLE TO GAMING OPERATOR**	**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/MINICOM/2023 DU 31/03/2023 RELATIF AU RÈGLEMENT DÉTERMINANT LES SANCTIONS ADMINISTRATIVES APPLICABLES À UN OPÉRATEUR DE JEUX DE HASARD**
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;	**The Minister of Trade and Industry;**	**Le Ministre du Commerce et de l'Industrie;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo ya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;
Ashingiye ku Itegeko n° 58/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;	Pursuant to Law n° 58/2011 of 31/12/2011 governing the gaming activities, especially in Article 4;	Vu la Loi n° 58/2011 du 31/12/2011 régissant les activités de jeux de hasard, spécialement en son article 4 ;
Ashingiye ku Itegeko n° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 26;	Pursuant to Law nº 75/2019 of 29/01/2020 on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of Proliferation of weapons of mass destruction as amended to date, especially in Article 26;	Vu la Loi nº 75/2019 du 29/01/2020 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 26;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 24/03/2023 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 24/03/2023;	Après examen et approbation par le Conseil des Ministres, en sa séance du 24/03/2023 ;

ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE :**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier : Objet du présent arrêté**
Iri teka rishyiraho amabwiriza ateganya ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe utubahiriza ibisabwa mu gukumira iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.	This Order establishes regulations determining administrative sanctions applicable to a gaming operator who does not comply with the requirements on the prevention of money laundering, financing of terrorism and financing of Proliferation of weapons of mass destruction.	Le présent arrêté porte règlement déterminant les sanctions administratives applicables à un opérateur de jeux de hasard qui ne respecte pas les exigences de prévention du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive.
Ingingo ya 2: Isobanura	**Article 2: Interpretation**	**Article 2 : Interprétation**
Muri iri teka:	In this Order:	Dans le présent arrêté :
(a) "Urwego" bivuga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari;	**(a) "Centre"** means the Financial Intelligence Centre;	**(a) « Centre »** signifie le Centre de Renseignement Financier ;
(b) "ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe" bivuga uwahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe biri mu byiciro by'ikazino n'ibigo bikoresha tombora zo mu rwego rw'Igihugu;	**(b) "gaming operator"** means a licensed person who conducts gaming activities falling in the categories of casino and national lotteries gaming halls;	**(b) « opérateur de jeux de hasard »** signifie une personne agréée qui exerce des activités de jeux de hasard rentrant dans les catégories de casino et d'établissements de jeux de hasard de loteries nationales ;
(c) "umuyobozi mukuru" bivuga umukozi uri mu buyobozi bukuru	**(c) "senior manager"** means the high-level management personnel or key	**(c) « cadre supérieur »** signifie le personnel de direction de haut

uri ku rwego rwo hejuru cyangwa abakozi b'ingenzi b'ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe, hakubiyemo –	executive of the gaming operator, who includes –	niveau ou le personnel exécutif clé de l'opérateur de jeux de hasard, y compris –
(i) *Chief Executive Officer*, *Managing Director* cyangwa abari ku rwego rwabo;	(i) Chief Executive Officer, Managing Director, or their equivalent;	(i) le *Chief Executive Officer*, le *Managing Director* ou leur équivalent ;
(ii) abakozi bo mu buyobozi bukuru batanga raporo ku nama y'ubutegetsi cyangwa kuri komite z'inama y'ubutegetsi;	(ii) senior executive reporting to the Board or to Board Committees; and	(ii) les cadres supérieurs qui rendent compte au Conseil d'administration ou à ses comités ; et
(iii) n'abakozi bo mu buyobozi bukuru batanga raporo kuri *Chief Executive Officer* cyangwa *Managing Director*;	(iii) senior executive reporting to the Chief Executive Officer or Managing Director;	(iii) les cadres supérieurs qui rendent compte au *Chief Executive Officer* ou au *Managing Director* ;
(d) "urwego rugenzura" bivuga urwego ruha impushya abafite ibikorwa by'imikino y'amahirwe.	**(d) "supervisory authority"** means the licensing authority of gaming operators.	**(d) « autorité de supervision »** signifie l'autorité concédant des opérateurs de jeux de hasard.
Ingingo ya 3: Abarebwa n'iri teka	**Article 3: Scope of this Order**	**Article 3 : Champ d'application du présent arrêté**
Iri teka rireba –	This Order applies to –	Le présent arrêté s'applique –
(a) ikazino n'ibigo bikoresha tombora zo mu rwego rw'Igihugu;	(a) casino and National Lotteries gaming halls;	(a) aux casinos et aux établissements de jeux de hasard de loteries nationales ;
(b) abagize inama y'ubutegetsi y'ikazino cyangwa ikigo	(b) members of the board of directors of a casino or national lotteries	(b) aux membres du conseil d'administration d'un casino ou

gikoresha tombora zo mu rwego rw'Igihugu; (c) n'abayobozi bakuru b'ikazino n'ibigo bikoresha tombora zo mu rwego rw'Igihugu.	gaming hall; and (c) senior managers of a casino or national lotteries gaming halls.	d'un établissement de jeux de hasard de loteries nationales ; et (c) aux cadres supérieurs d'un casino ou d'un établissement de jeux de hasard de loteries nationales.
UMUTWE WA II: AMAKOSA N'IBIHANO	**CHAPTER II: FAULTS AND SANCTIONS**	**CHAPITRE II : FAUTES ET SANCTIONS**
Ingingo ya 4: Kudashyiraho politiki n'uburyo bukurikizwa byanditse Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udashyiraho politiki n'uburyo bukurikizwa byanditse bigaragaza ibisabwa mu rwego rwo kugira ubushishozi mu kumenya abakiriya aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 3.000.000 FRW.	**Article 4: Failure to establish written policies and procedures** A gaming operator who fails to establish written policies and procedures on Customer Due Diligence requirements commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 3,000,000.	**Article 4 : Omission d'élaborer des politiques et des procédures écrites** Un opérateur de jeux de hasard qui omet d'élaborer des politiques et des procédures écrites sur les exigences de vigilance envers les clients commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 3.000.000 FRW.
Ingingo ya 5: Kudashyira mu bikorwa ingamba zijyanye no kugira ubushishozi Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udashyira mu bikorwa ingamba zijyanye no kugira ubushishozi ku bakiriya hakorwa igenzura ku myirondoro yabo hakoreshwa inyandiko cyangwa amakuru yizewe kandi yigenga aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 2.000.000 FRW.	**Article 5: Failure to implement customer due diligence measures** A gaming operator who fails to implement the established customer due diligence measures for verification of customer identification using reliable, independent data or information commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 2,000,000.	**Article 5 : Omission de mettre en œuvre les mesures de vigilance** Un opérateur de jeux de hasard qui omet de mettre en œuvre les mesures de vigilance pour la vérification de l'identité des clients en se référant aux données ou aux informations fiables et indépendantes commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 2.000.000 FRW.

Ingingo ya 6: Kudashaka amakuru kuri nyir'umutungo Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udashaka amakuru kuri nyiri umutungo nyawe wa konti z'abakinnyi n'amakuru ku nkomoko y'umutungo n'ubutunzi bya nyiri umutungo nyawe aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 1.500.000 FRW.	**Article 6: Failure to obtain information on the beneficial owner** A gaming operator who fails to obtain information on the beneficial owner of Player's accounts and Information on the source of funds and wealth of the beneficial owner commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 1,500,000.	**Article 6 : Omission d'obtenir des informations sur le bénéficiaire effectif** Un opérateur de jeux de hasard qui omet d'obtenir des informations sur le bénéficiaire effectif des comptes du joueur et des informations sur la source des fonds et du patrimoine du bénéficiaire effectif commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 1.500.000 FRW.
Ingingo ya 7: Kudashyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga mu micungire y'ibikorwa Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udashyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga mu micungire y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe bumufasha kugenzura, gutahura, gusesengura, no gukora raporo ku bikorwa by'amafaranga bikemangwa aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 2.000.000 FRW.	**Article 7: Failures to put in place and maintain an information and record-keeping system** A gaming operator who fails to put in place and maintain an information and record-keeping system to monitor, analyze and generate reports on suspicious transactions on a timely basis commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 2,000,000.	**Article 7 : Omission de mettre en place et de maintenir un système d'information et de tenue de registres** Un opérateur de jeux de hasard qui omet de mettre en place et de maintenir un système d'information et de tenue de registres pour surveiller, analyser et générer des rapports sur les transactions suspectes en temps opportun commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 2.000.000 FRW.
Ingingo ya 8: Kutabika inyandiko n'amakuru Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe utabika haba ku mpapuro cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, inyandiko n'amakuru bikomotse mu gukora ubushishozi ku bakiriya no ku bikorwa by'abakiliya mu gihe cy'imyaka 10 nibura	**Article 8: Failure to maintain records** A gaming operator who fails to maintain, in hard or soft copies, records obtained through customer due diligence measures and transaction records for at least 10 years after cessation of relationship commits a fault and is liable to an administrative fine	**Article 8 : Omission de conserver les registres** Un opérateur de jeux de hasard qui omet de conserver, en copies papier ou électroniques, les registres obtenus grâce aux mesures de vigilance relative à la clientèle et les registres des transactions pendant au moins 10 ans après la cessation

nyuma y'uko imikoranire ye ya nyuma n'umukiliya irangiye, aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 1.500.000 FRW.	of FRW 1,500,000.	de la relation commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 1.500.000 FRW.
Ingingo ya 9: Kudatanga raporo ku bikorwa birebana n'amafaranga	**Article 9: Failure to report on transactions**	**Article 9 : Omission de rapport sur les transactions suspectes et les transactions en espèces**
Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udatanga raporo ku bikorwa birebana n'amafaranga bikemangwa cyangwa ibikorwa birebana n'amafaranga yishyuwe ako kanya angana cyangwa arengeje 3.000.000 FRW cyangwa ako gaciro mu mafaranga y'amahanga ku Rwego nk'uko biteganywa mu mabwiriza abireba aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 2.000.000 FRW.	A gaming operator who fails to report on suspicious transactions and cash transaction equal to or above FRW 3,000,000 or its equivalent in foreign currency to the Centre as stated in the related regulations, commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 2,000,000.	Un opérateur de jeux de hasard qui omet de donner un rapport sur les transactions suspectes et les transactions en espèces égales ou supérieures à 3 000 000 FRW ou son équivalent en devises étrangères au Centre, comme indiqué dans les règlements y relative, commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 2.000.000 FRW.
Ingingo ya 10: Kudatanga raporo yo gukumira	**Article 10: Failure to render reports on prevention**	**Article 10 : Omission de faire des rapports sur la prévention**
Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udatanga raporo yo gukumira iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku rwego rugenzura aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 1.000.000 FRW.	A gaming operator who fails to submit to the supervisory authority reports on the prevention of money laundering, financing terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction reports commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 1,000,000.	Un opérateur de jeux de hasard qui omet de soumettre à l'autorité de supervision des rapports sur la prévention contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 1.000.000 FRW.

<u>Ingingo ya 11</u>: Kudashyiraho politiki yo kurengera abakozi Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udashyiraho politiki yo kurengera abakozi mu gihe batanze amakuru ku bikorwa birebana n'amafaranga biteye amakenga bagambiriye ukuri aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 1.000.000 FRW.	**<u>Article 11</u>: Failure to put in place policy to protect employees** A gaming operator who fails to put in place policy to protect employees when they report suspicious transactions in good faith commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 1,000,000.	**<u>Article 11</u> : Omission de mettre en place une politique pour protéger les employés** Un opérateur de jeux de hasard qui omet de mettre en place une politique pour protéger les employés lorsqu'ils signalent de bonne foi des transactions suspectes commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 1.000.000 FRW.
<u>Ingingo ya 12</u>: Kutamenyesha cyangwa kutigisha abakozi Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe utamenyesha cyangwa utigisha abakozi amategeko, amabwiriza, politiki n'uburyo bw'imikorere bishya bijyanye no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwizwa ry'intwaro za kirimbuzi aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 1.000.000 FRW.	**<u>Article 12</u>: Failure to communicate or educate employees** A gaming operator who fails to communicate or educate employees on new anti-money laundering, financing terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction laws, regulations, policies and procedures commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 1,000,000.	**<u>Article 12</u> : Omission de communiquer ou d'éduquer les employés** Un opérateur de jeux de hasard qui omet de communiquer ou d'éduquer les employés sur les nouvelles lois, réglementations, politiques et procédures de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 1.000.000 FRW.
<u>Ingingo ya 13</u>: Kutubahiriza ibindi bisabwa Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe utubahiriza ibindi byose bisabwa mu rwego rwo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwizwa ry'intwaro za kirimbuzi bitateganyijwe muri iri teka ariko bikaba	**<u>Article 13</u>: Failure to comply with any other obligation** A gaming operator who fails to comply with any other anti-money laundering, financing terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction obligations not provided for in this Order while provided in the Law on the	**<u>Article 13</u> : Non-respect de toute autre obligation** Un opérateur de jeux de hasard qui ne respecte pas toute autre obligation de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive non prévue dans le

byarateganyijwe n'Itegeko rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi cyangwa mu mabwiriza n'imirongo ngenderwaho by'Urwego, aba akoze ikosa kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 1.000.000 FRW.	prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction or in other regulations and directives of the Centre commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 1,000,000.	présent arrêté alors qu'elle est prévue dans la Loi sur la prévention et la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive ou dans les règlements et directives du Centre commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 1.000.000 FRW.
Ingingo ya 14: Kudashyiraho umukozi ushinzwe iyubahirizwa Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udashyiraho umukozi ushinzwe kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ufite inshingano zisobanutse neza aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 500.000 FRW.	**Article 14: Failure to appoint a compliance officer** A gaming operator who fails to appoint an anti-money laundering, financing terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction compliance officer of appropriate status with clearly defined roles and responsibilities commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 500,000.	**Article 14 : Omission de nommer un responsable de la conformité** Un opérateur de jeux de hasard qui omet de nommer un responsable de la conformité à la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive doté d'un statut approprié avec des rôles et des responsabilités clairement définis commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 500.000 FRW.
Ingingo ya 15: Kudashyira mu bikorwa gahunda y'umwaka y'amahugurwa Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udashyira mu bikorwa gahunda y'umwaka y'amahugurwa yemejwe ku bijyanye n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku byiciro byose by'abakozi aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu	**Article 15: Failure to implement the annual training programme** A gaming operator who fails to implement an approved annual anti-money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction training programme for all categories of employees commits a fault and is liable to an administrative fine of	**Article 15 : Omission de mise en œuvre d'un programme de formation annuel** Un opérateur de jeux de hasard qui omet de mettre en œuvre pour toutes les catégories d'employés un programme de formation annuel approuvé sur la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction

yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 500.000 FRW.	FRW 500,000.	massive commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 500.000 FRW.
Ingingo ya 16: Kudatanga amakuru	**Article 16: Failure to provide information**	**Article 16 : Omission de fournir des informations**
Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe udatanga amakuru arebana n'iyezandonke ku kigo icyo ari cyo cyose cya Leta cyemewe mu gihe cyo gukora ubugenzuzi, isuzuma n'isesengura ry'ingorane mu rwego rw'imikino y'amahirwe aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ya 2.000.000 FRW.	A gaming operator who fails to provide information relating to money laundering to any authorised government institution during the audit, inspection and risk assessment process of the gaming sector commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 2,000,000.	Un opérateur de jeux de hasard qui omet de fournir des informations relatives au blanchiment de capitaux à toute institution gouvernementale autorisée au cours du processus d'audit, d'inspection et d'évaluation des risques du secteur des jeux de hasard commet une faute et elle est passible d'une amende administrative de 2.000.000 FRW.
Ingingo ya 17: Ibindi bihano bishobora guhabwa ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe	**Article 17: Other sanctions that may be imposed on a gaming operator**	**Article 17 : Autres sanctions qui peuvent être imposées à l'opérateur de jeux de hasard**
Haseguriwe ibihano by'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi biteganywa muri iri teka, urwego rugenzura rushobora no guhanisha ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe igihano kimwe cyangwa byinshi muri ibi bikurikira, hakurikijwe uburemere bw'ikosa riteganijwe muri iri teka:	Subject to pecuniary sanctions provided for in this Order, the supervisory authority may also impose one or more of the following sanctions on a gaming operator, depending on the gravity of a fault provided for by this Order:	Sous réserve des sanctions pécuniaires prévues par le présent règlement, l'autorité de supervision peut également imposer à l'opérateur de jeux de hasard l'une ou plusieurs des sanctions suivantes en fonction de la gravité d'une faute prévue par le présent arrêté :
(a) kwihanangirizwa mu nyandiko;	(a) written warning;	(a) l'avertissement écrit ;
(b) guhagarika ibikorwa by'imikino y'amahirwe;	(b) suspensions of gaming activities;	(b) la suspension des activités de jeux de hasard ;

(c) kubuzwa gutangira ibikorwa bishya by'imikino y'amahirwe cyangwa kwagura ibikorwa bisanzweho;	(c) prohibition from engaging in new gaming activities or expanding existing activities;	(c) l'interdiction d'entreprendre de nouvelles activités de jeux de hasard ou d'étendre des activités existantes ;
(d) kwamburwa uruhushya.	(d) revocation of license.	(d) la révocation de la licence.
Ingingo ya 18: Ibihano bihabwa abagize inama y'ubutegetsi n'abayobozi bakuru	**Article 18: Sanctions against members of the board of directors and senior managers**	**Article 18 : Sanctions à l'encontre des membres du conseil d'administration et des cadres supérieurs**
Haseguriwe ibihano by'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi biteganywa n'iri teka, iyo ugize inama y'ubutegetsi cyangwa umuyobozi mukuru atamenyesheje Urwego ikosa iryo ari ryo ryose yamenye ryo kudakurikiza ibisabwa mu gukumira iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, cyangwa atamenyesheje igisabwa kumenyeshwa Urwego, urwego rugenzura rusaba uwo bireba wamushyize mu mwanya kumufatira kimwe mu bihano bikurikira bitewe n'uburemere bw'ikosa yakoze:	Subject to pecuniary sanctions provided for by this Order, when a member of the board of directors or a senior manager fails to disclose to the Centre any violation of requirements relating to the prevention of money laundering, financing terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction of which he or she is aware, or any matter required to be disclosed to the Centre, the supervisory authority requests the relevant appointing authority to impose on the member of the board of directors or the senior manager concerned one of the following sanctions, taking into account the gravity of the violation committed:	Sous réserve des sanctions pécuniaires prévues par le présent règlement, lorsqu'un membre du conseil d'administration ou un cadre supérieur ne dévoile pas au Centre toute violation des exigences relatives à la prévention du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive dont il a connaissance, ou tout élément devant être révélé au Centre, l'autorité de supervision demande à l'autorité de nomination compétente d'imposer au membre du conseil d'administration ou au cadre supérieur concerné l'une des sanctions suivantes, en tenant compte de la gravité de la violation commise :
(a) kumwihanangiriza mu nyandiko;	(a) written warning;	(a) l'avertissement écrit ;
(b) kumuhagarika by'agateganyo;	(b) suspension;	(b) la suspension ;

(c) kumwirukana.	(c) dismissal.	(c) la révocation.
UMUTWE WA III: KUGENA IGIHANO	**CHAPTER III: DETERMINATION OF SANCTION**	**CHAPITRE III : DÉTERMINATION DE LA SANCTION**
Ingingo ya 19: Ibishingirwaho mu kugena ibihano	**Article 19: Considerations in determining sanctions**	**Article 19 : Considérations pour déterminer des sanctions**
(1) Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganyijwe muri iri teka bitangwa hashingiwe –	(1) The administrative sanctions under this Order are applied based on –	(1) Les sanctions administratives prévues par le présent arrêté sont appliquées sur base –
(a) ku ipereereza, igenzura cyangwa ubugenzuzi bikorerwa ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe bikozwe n'inzego bireba zibifitiye ububasha, bikagaragaza amakosa yakozwe; cyangwa	(a) investigation or audit, or inspections of the gaming operator by the relevant competent authorities and revealing committed faults; or	(a) de l'enquête, de l'audit ou de l'inspection de l'opérateur de jeux de hasard effectuée par les autorités compétentes concernées et révélant des fautes commises ; ou
(b) ku isuzuma ry'andi makuru yose yaba ari ngombwa yatangwa n'uwo ari we wese agaragaza amakosa yakozwe.	(b) consideration of any other relevant information provided by any person disclosing committed faults.	(b) de la prise en considération de toute autre information pertinente fournie par toute personne révélant des fautes commises.
(2) Mu kugena igihano gitangwa, impamvu zose z'ikosa ryakozwe zigomba kwitabwaho harimo ubwoko n'uburemere bw'ikosa ryo kutubahiriza ibisabwa, imyitwarire y'ushinzwe gutanga amakuru cyangwa umuntu bireba mu buyobozi bw'ushinzwe gutanga makuru nyuma yo kutubahiriza ibisabwa, andi makuru abanza y'ibyabaye mbere	(2) In determining the sanctions to apply, all the circumstances of the case are taken into consideration including the nature and seriousness of the non-compliance, the conduct of the reporting person or individual concerned in its management after the non-compliance, previous records of the reporting person, individual person concerned and other general	(2) Pour déterminer les sanctions à appliquer, toutes les circonstances du cas sont prises en considération, y compris la nature et la gravité de la non-conformité, la conduite de la personne déclarante ou de la personne concernée dans sa gestion après la non-conformité, les antécédents de la personne déclarante, de la personne concernée et d'autres considérations

byerekeye ushinzwe gutanga amakuru, umuntu bireba n'ibindi urwego rugenzura rwasanga ari ngombwa.	considerations that the supervisory authority may consider relevant.	générales que l'Autorité de supervision peut juger pertinentes.
(3) Gutanga igihano cyo mu rwego rw'ubutegetsi ntibibangamira ikurikiranacyaha n'uburyozwacyaha.	(3) Imposition of an administrative sanction is independent from criminal proceedings and criminal liability.	(3) L'imposition d'une sanction administrative est indépendante des poursuites pénales et de la responsabilité pénale.
Ingingo ya 20: Kugena imiterere n'uburemere bw'ikosa ryo kutubahiriza ibisabwa	**Article 20: Determination of the nature and seriousness of non-compliance**	**Article 20 : Détermination de la nature et de la gravité de la non-conformité**
Mu kugena ubwoko n'uburemere bw'ikosa ryo kutubahiriza ibisabwa ryagaragaye, urwego rugenzura rureba –	In determining the nature and seriousness of any non-compliance observed, the supervisory authority considers –	Pour déterminer la nature et la gravité de toute non-conformité observée, l'autorité de supervision vérifie –
(a) niba kutubahiriza ibisabwa byarabaye ku bushake, ku bw'uburiganya cyangwa byaraturutse ku burangare cyangwa ubushishozi bucye;	(a) whether the non-compliance was deliberate, dishonest, or resulted from negligence or reckless;	(a) si la non-conformité était délibérée, malhonnête, ou était due à la négligence ou à l'imprudence ;
(b) igihe kutubahiriza ibisabwa byamaze n'inshuro byabaye;	(b) the duration and frequency of the non-compliance;	(b) la durée et la fréquence de la non-conformité ;
(c) ingano y'indonke cyangwa igihombo cyaburijwemo kubera kutubahiriza ibisabwa;	(c) the amount of any benefit gained or loss avoided due to the non-compliance;	(c) le montant de tout avantage obtenu ou de toute perte évitée en raison de la non-conformité ;
(d) niba kutubahiza ibisabwa bigaragaza intege nke zikomeye	(d) whether the non-compliance reveals serious or systemic	(d) si la non-conformité révèle des faiblesses graves ou systémiques

cyangwa zifite imizi mu micungire cyangwa mu mategeko ngengamikorere y'igikorwa cy'ubucuruzi cyose muri rusange cyangwa se igice kimwe cyacyo;	weaknesses of the management systems or internal rules relating to all or part of the business;	des systèmes de gestion ou des règles internes relatives à tout ou partie de l'activité ;
(e) imiterere n'urugero by'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi byorohejwe, byatewe cyangwa byaturutse ku kutubahiriza ibisabwa;	(e) the nature and extent of money laundering or financing of terrorism or proliferation of weapon of mass destruction crime facilitated, occasioned or otherwise attributable to the non-compliance;	(e) la nature et l'étendue du blanchiment de capitaux ou du financement du terrorisme ou de la prolifération d'armes de destruction massive qui ont été facilités, occasionnés ou autrement attribuables à la non-conformité ;
(f) niba hari ibibazo bito bito, ku buryo kimwe ukwacyo kitaba impamvu yo gutanga ibihano, ariko byashoboka ibyo bibazo byose bikomatanyijwe; kandi	(f) whether there are a number of smaller issues, which individually may not justify administrative sanction, but to which administrative sanction would apply when taken collectively; and	(f) s'il existe un certain nombre de problèmes de moindre importance qui, pris individuellement, ne justifieraient pas une sanction administrative, mais auxquels la sanction administrative s'appliquerait s'ils étaient pris collectivement; et
(g) niba ushinzwe gutanga amakuru aramutse ahanishijwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi nk'uko biteganyijwe muri iri teka, bitaburizamo cyangwa bigatambamira ikurikiranacyaha ryatangiye cyangwa rishobora gutangira.	(g) any potential or pending criminal proceeding in respect of the contravention which may be prejudiced or barred if an administrative fine is imposed in accordance with this Order.	(g) toute procédure pénale potentielle ou en cours relative à la contravention qui pourrait être préjudiciée ou empêchée si une amende administrative est imposée conformément au présent arrêté.

Ingingo ya 21: Imyitwarire y'ubuyobozi bw'ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe nyuma yo kutubahiriza ibisabwa	**Article 21: Conduct of the gaming operator's management after the non-compliance**	**Article 21 : Conduite de la direction de l'opérateur de jeux de hasard après la non-conformité**
Mu kureba imyitwarire y'ubuyobozi bw'ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe nyuma yo kutubahiriza ibisabwa, urwego rugenzura rureba –	In considering the conduct of the gaming operator's management after the non-compliance, the supervisory authority considers –	En examinant la conduite de la direction de l'opérateur de jeux de hasard après la non-conformité, l'autorité de supervision considère –
(a) uko mu buryo bwihuse, bukwiye kandi buboneye, ubuyobozi bw'ushinzwe gutanga amakuru bireba bwagejeje icyo kibazo cyo kutubahiriza ibisabwa ku rwego rugenzura;	(a) how quickly, efficiently and effectively the management of the gaming operator concerned brought the non-compliance issue to the attention of the supervisory authority;	(a) la rapidité, l'efficience et l'efficacité avec lesquelles la direction de l'opérateur de jeux de hasard concerné a porté le problème de non-conformité à l'attention de l'autorité de supervision ;
(b) urwego rw'imikoranire n'abagenzuzi b'urwego rugenzura mu gihe cy'ubugenzuzi;	(b) the degree of cooperation with the supervisory authority's inspectors during the inspection;	(b) le degré de coopération avec les inspecteurs de l'autorité de supervision pendant l'inspection ;
(c) ingamba zaba zarafashwe igihe kutubahiriza ibisabwa byagaragaye, harimo ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire byafatiwe umukozi wabigizemo uruhare, aho bishoboka, gukosora ibitaragenze neza mu mikorere n'ingamba zafashwe kugira ngo ibibazo nk'ibyo bitazongera kubaho mu bihe biri imbere;	(c) any remedial step taken when the non-compliance situation was identified, including disciplinary action taken against the staff involved, where appropriate, addressing any systematic failure and taking action designed to ensure that similar problems do not arise in the future;	(c) toute mesure corrective prise lorsque la situation de non-conformité a été identifiée, y compris les mesures disciplinaires prises à l'encontre du personnel impliqué, le cas échéant, le traitement de toute défaillance systématique et la prise de mesures destinées à garantir que des problèmes similaires ne se reproduisent pas à l'avenir ;

(d) niba ikibazo cyo kutubahiriza ibisabwa gishobora kongera kubaho mu gihe ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi byaba bitafashwe;	(d) the likelihood that the same type of non-compliance will reoccur where no administrative sanction is imposed; and	(d) la probabilité que le même type de non-conformité se reproduise si aucune sanction administrative n'est imposée ; et
(e) no kuba kutubahiriza ibisabwa byaremewe cyangwa byarahakanywe.	(e) whether the non-compliance issue was admitted or denied.	(e) le fait que le problème de non-conformité ait été admis ou nié.
Ingingo ya 22: Andi makuru yo mu bihe byashize	**Article 22: Previous record**	**Article 22 : Antécédents**
Mu kureba andi makuru yo mu bihe byashize y'ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe cyangwa y'undi muntu bireba mu buyobozi bwe, urwego rugenzura rureba –	In considering the previous record of the gaming operator or individual involved in management of the gaming operator, the supervisory authority considers –	Lors de l'examen des antécédents d'un opérateur des jeux de hasard ou de la personne impliquée dans sa direction, l'autorité de supervision vérifie –
(a) niba ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe cyangwa undi muntu bireba mu buyobozi bwe yarigeze afata ingamba zakomotseho ikemurwa ry'ikibazo, itangwa ry'igihano, cyangwa niba yarigeze ahamwa icyaha gifitanye isano n'ikosa aregwa;	(a) whether the gaming operator or individual involved in the management of the gaming operator has taken any previous action resulting in settlement, sanction, or whether there was relevant previous criminal conviction;	(a) si l'opérateur des jeux de hasard ou la personne impliquée dans sa gestion a pris des mesures antérieures ayant abouti à un règlement, à une sanction ou s'il y a eu une condamnation pénale antérieure pertinente ;
(b) niba ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe cyangwa uwo bireba mu buyobozi bwe, yaba yarigeze asabwa gufata ingamba zo gukosora amakosa;	(b) whether the gaming operator or individual involved in the management of the gaming operator has previously been requested to take remedial action; and	(b) si l'opérateur des jeux de hasard ou la personne impliquée dans sa gestion a été précédemment invité à prendre des mesures correctives; et

(c) n'amateka y'uburyo ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe cyangwa uwo bireba mu buyobozi bwe yubahiriza ibisabwa muri rusange.	(c) the general compliance history of the gaming operator or individual involved in management of the gaming operator.	(c) l'historique de conformité générale de l'opérateur des jeux de hasard ou de la personne impliquée dans sa gestion.
Ingingo ya 23: Uburyo bwo gutanga igihano	**Article 23: Modalities for imposing a sanction**	**Article 23 : Modalités d'imposition d'une sanction**
(1) Iyo urwego rugenzura rusanze hari impamvu zumvikana zemeza ko ikosa ryakozwe –	(1) Where the supervisory authority is satisfied that there are reasonable grounds to believe that a fault has occurred, it –	(1) Lorsque l'autorité de supervision est convaincue qu'il existe des motifs raisonnables de croire qu'une faute a été commise, elle –
(a) rumenyesha mu nyandiko ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe ko izo mpamvu zihari; kandi	(a) notifies in writing, the gaming operator in the existence of such grounds; and	(a) informe par écrit l'opérateur de jeux de hasard de l'existence de tels motifs;
(b) rugahamagarira ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe gutanga, mu gihe cy'iminsi 14 y'akazi uhereye igihe aboneye imenyesha, impamvu zigaragaza ko adakwiye guhabwa ibihano niba zihari.	(b) calls upon the gaming operator to provide within 14 working days of the serving of that notice reasons as to why the gaming operator should not be sanctioned, if any.	(b) invite l'opérateur de jeux de hasard à fournir, dans un délai de 14 jours ouvrables à compter de la notification de cet avis, les raisons pour lesquelles l'opérateur de jeux de hasard ne devrait pas être sanctionné, le cas échéant.
(2) Urwego rugenzura rumaze gusuma impamvu zatanzwe rushobora gufata icyemezo cyo gutanga cyangwa kudatanga igihano.	(2) After considering the reasons provided, the supervisory authority may decide to impose a sanction or not.	(2) Après l'examen des raisons fournies, l'autorité de supervision peut décider d'infliger une sanction ou non.
(3) Igihe hafashwe icyemezo cyo gutanga igihano, urwego rugenzura	(3) In case the imposition of sanction is decided, the supervisory authority	(3) Si l'imposition d'une sanction est décidée, l'autorité de supervision

rumenyesha ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe igihano cyafashwe n'itariki gitangiriraho gukurikizwa.	notifies the gaming operator of the sanction imposed and the date on which it takes effect.	notifie à l'opérateur de jeux de hasard la sanction imposée et la date à laquelle elle prend effet.
UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 24: Kwishyuza ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 24: Recovery of administrative fines**	**Article 24 : Recouvrement des amendes administratives**
(1) Ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe waciwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yishyura amafaranga yaciwe mu gihe cy'iminsi 15 y'indangaminsi ibarwa guhera igihe yayimenyesherejwe, akayishyura mu Kigega cya Leta.	(1) A gaming operator who has been charged with an administrative fine pays the fine within 15 calendar days counted from the date of the notification of fine, by depositing it into the Public Treasury.	(1) L'opérateur de jeux de hasard infligée d'une amende administrative paie l'amende dans un délai de 15 jours calendrier à compter de la date de notification de l'amende, en la versant au Trésor public.
(2) Iyo ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe atishyuye ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yaciwe mu gihe ntarengwa cyagenwe, hakoreshwa ubundi buryo buteganyijwe n'amategeko bwo kwishyuza.	(2) If the gaming operator does not pay the administrative fine imposed on them within the stipulated time limit, other methods of recovery are applied as provided by relevant laws.	(2) Si l'opérateur de jeux de hasard ne paie pas l'amende administrative lui imposée dans le délai imparti, d'autres modes de recouvrement sont appliqués conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 25: Ingingo y'ururimi	**Article 25: Language provision**	**Article 25 : Disposition linguistique**
Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza.	This Order was drafted in English.	Le présent arrêté a été rédigé en anglais.

Ingingo ya 26: Gutangira gukurikizwa	**Article 26: Entry into force**	**Article 26 : Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 31/03/2023

(sé)

Dr NGABITSINZE Jean Chrysostome
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda
Minister of Trade and Industry
Ministre du Commerce et de l'Industrie

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

AMABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU N° 001/2023/RG YO KU WA 31/03/2023 AGENA IGIPIMO KIGARAGAZA UGENEWE INYUNGU KU MUGABANE W'ISOSIYETE Y'UBUCURUZI NO MU BUFATANYE MU BUCURUZI	**INSTRUCTIONS OF THE REGISTRAR GENERAL N° 001/2023/RG OF 31/03/2023 DETERMINING THE THRESHOLD FOR IDENTIFICATION OF THE BENEFICIAL OWNER OF COMPANY AND OF A PARTNERSHIP**	**INSTRUCTIONS DU REGISTRAIRE GÉENÉERAL N° 001/2023/RG DU 31/03/2023 DÉTERMINANT LE SEUIL D'IDENTIFICATION DU BÉNÉFICIAIRE EFFECTIF D'UNE SOCIÉTÉ COMMERCIALE ET D'UNE SOCIÉTÉ DE PERSONNES**
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIERES**
Ingingo ya mbere: Igipimo cyo hasi cy'imigabane, umusanzu cyangwa uburenganzira bwo gutora kigaragaza ugenewe inyungu ku mugabane w'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu bufatanye mu bucuruzi. **Ingingo ya 2:Ingingo y'ururimi** **Ingingo ya 3: Gutangira gukurikizwa**	**Article One: Minimum threshold of shares, capital contribution or voting rights for identification of beneficial owner of a company or a partnership** **Article 2: Language provision** **Article 3: Entry into force**	**Article premier : Seuil minimum d'actions, d'apports en capital ou de droits de vote pour l'identification du bénéficiaire effectif d'une société commerciale et d'une société de personnes** **Article 2 : Disposition linguistique** **Article 3 : Entrée en vigueur**

AMABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU N° 001/2023/RG YO KU WA 31/03/2023 AGENA IGIPIMO KIGARAGAZA UGENEWE INYUNGU KU MUGABANE W'ISOSIYETE Y'UBUCURUZI NO MU BUFATANYE MU BUCURUZI	**INSTRUCTIONS OF THE REGISTRAR GENERAL N° 001/2023/RG OF 31/03/2023 DETERMINING THE THRESHOLD FOR IDENTIFICATION OF THE BENEFICIAL OWNER OF COMPANY AND OF A PARTNERSHIP**	**INSTRUCTIONS DU REGISTRAIRE GÉNÉRAL N° 001/2023/RG DU 31/03/2023 DÉTERMINANT LE SEUIL D'IDENTIFICATION DU BÉNÉFICIAIRE EFFECTIF D'UNE SOCIÉTÉ COMMERCIALE ET D'UNE SOCIÉTÉ DE PERSONNES**
Umwanditsi Mukuru,	**The Registrar General,**	**Le Registraire Général,**
Ashingiye ku Itegeko nº 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 116 *bis* ;	Pursuant to Law nº 007/2021 of 05/02/2021 governing companies as amended to date, especially in Article 116 *bis*;	Vu la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 116 *bis*;
Ashingiye ku Itegeko nº 008/2021 ryo ku wa 16/02/2021 rigenga ubufatanye mu bucuruzi nkuko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4 *bis*;	Pursuant to Law nº 008/2021 of 16/02/2021 governing partnerships as amended to date, especially in Article 4 *bis*;	Vu la Loi n° 008/2021 du 16/02/2021 régissant les sociétés de personnes telle que modifiée à ce jour, spécialement en son Article 4 *bis* ;
ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:	**ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:**	**ÉMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES :**
<u>Ingingo ya mbere</u>: Igipimo cyo hasi cy'imigabane, umusanzu cyangwa uburenganzira bwo gutora kigaragaza ugenewe inyungu ku mugabane w'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu bufatanye mu bucuruzi.	**<u>Article One</u>: Minimum threshold of shares, capital contribution or voting rights for identification of beneficial owner of a company or a partnership**	**<u>Article premier</u> : Seuil minimum d'actions, d'apports en capital ou de droits de vote pour l'identification du bénéficiaire effectif d'une société commerciale et d'une société de personnes**
(1) Umuntu ku giti cye afatwa nka nyir'inyungu ku migabane iyo	(1) A natural person qualifies as a beneficial owner if the natural	(1) Une personne physique est qualifiée de bénéficiaire effectif si

yujuje kimwe muri ibi bikurikira:	person meets any of the following:	elle remplit l'une des conditions suivantes :
(a) iyo afite, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, nibura 25% by'imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi cyangwa by'umusanzu mu bufatanye mu bucuruzi;	(a) she or he holds at least 25% of the shares in a company or capital contribution in a partnership either directly or indirectly;	(a) elle détient, directement ou indirectement, au moins 25% des actions d'une société commerciale ou des apports en capital d'une société de personnes ;
(b) iyo afite, byaba mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, nibura 25% by' uburenganzira bwo gutora mu isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu bufatanye mu bucuruzi.	(b) she or he exercises at least 25% of the voting rights in a company or a partnership either directly or indirectly.	(b) elle exerce, directement ou indirectement, au moins 25 % des droits de vote dans une société commerciale ou une société de personnes.
(2) Mu isosiyete ibumbye ibice birinzwe, igipimo kivugwa mu gika (1) cy'iyi ngingo kireberwa ku migabane cyangwa uburenganzira bifitwe mu isosiyete ibumbye ibice birinzwe irebewe hamwe, cyangwa bifitwe muri buri gice cy'isosiyete n'isosiyete remezo bigize isosiyete ibumbye ibice birinzwe.	(2) In a protected cell company, the threshold in Paragraph (1) of this Article applies to the shares held or rights exercised in the protected cell company as a whole; but also in each of the cells and the core of the protected cell company.	(2) Dans une société à cellules protégées, le seuil prévu au paragraphe (1) du présent article s'applique aux actions détenues ou aux droits exercés dans l'ensemble de la société à cellules protégées, mais aussi dans chacune des cellules et dans le noyau de la société à cellules protégées.
<u>Ingingo ya 2</u>: Ingingo y'ururimi	**<u>Article 2:</u> Language provision**	**<u>Article 2</u> : Disposition linguistique**
Aya mabwiriza yateguwe mu rurimi rw'Icyongereza.	These instructions were drafted in English.	Les présentes instructions ont été initiées en anglais.

<u>Ingingo ya 3</u>: Gutangira gukurikizwa Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	**<u>Article 3</u>: Entry into force** These Instructions shall come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	**<u>Article 3</u> : Entrée en vigueur** Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 31/03/2023

(sé)

KAYIBANDA Richard
Umwanditsi Mukuru
Registrar General
Registraire Général

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux